Uzareka gusali iswala yo ku gicamunsi (Al Asr) ibikorwa bye bizaba imfabusa!

Hadithi yaturutse kwa Buraydat Ibun Al Huswayb (Imana imwishimire) yaravuze ati: "Mujye mwihutira gukora iswalat yo ku gicamunsi (Al Asr), kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzareka gusali iswala yo ku gicamunsi (Al Asr) ibikorwa bye bizaba imfabusa!"
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irihanangiriza umuntu ucyereza Swalatul Asr ku bushake ntayisarire ku gihe cyayo, kandi ko ubikoze atyo ibikorwa bye biba imfabusa ntibigire icyo bimumarira.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/6261